IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI
FORUM NATIONAL DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES
NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS

# ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

## ITANGAZO RY'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None ku wa kane, tariki ya 21 Werurwe 2024, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite NIZEYIMANA Pie, igirana ikiganiro na Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi na Minisitiri w'Ubuzima.

Ikiganiro yagiranye na Minisitiri w'Ibikorwa by'Ubutabazi kibanze kuri « *Politiki n'ingamba z'Igihugu zo gukumira no kurwanya Ibiza* ».

Muri iki kiganiro Minisitiri yagaragaje ko mu micungire y'ibiza hitabwa ku cyateza ibiza, kubikumira no kugabanya ingaruka zabyo. Iyo byabayeho, hitabwaho gutanga ubutabazi bwihuse, gutanga ubufasha no gusana ibyangijwe.

Mu bijyanye n'imicungire y'ibiza, Minisitiri yagaragaje ko hashyizweho politiki y'igihugu y'imicungire y'ibiza, hanashyirwaho n'ingamba zo kuyishyira mu bikorwa n'inzego z'imicungire y'ibiza.

Zimwe mu mbogamizi Minisitiri yagaragaje mu micungire y'ibiza harimo imihindagurikire y'ikirere, imiterere y'Igihugu cyacu, kutubahiriza amategeko n'amabwiriza y'imyubakire no kurengera ibidukikije, umubare munini w'abaturage bagituye mu manegeka n'izindi.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo, Imitwe ya Politiki yiyemeje gutanga umusanzu wayo mu gukumira ibiza no gukomeza kugira uruhare mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki n'imicungire y'Ibiza.

Ikiganiro yagiranye na Minisitiri w'Ubuzima kibanze kuri « *Politiki n'ingamba z'Igihugu zo guteza imbere ubuzima mu Rwanda harimo no gukemura ikibazo cy'ubuke bw'abaganga: ibyagezweho, imbogamizi n'ingamba*».

Mu kiganiro cye, Minisitiri yagaragaje ko nyuma y'ishyirwaho rya politiki y'ubuzima, hashyizweho n'ingamba zo kuyishyira mu bikorwa.

Muri izo ngamba harimo kongera umubare w'abaganga bakagera kuri bane (4) ku barwayi 1000 no kubongerera ubumenyi, kongera ibikoresho bikenerwa n'aho bakorera ku nzego zose. Yagaragaje kandi ko hateganyijwe umubare w'abajyanama b'ubuzima uziyongeraho abandi ibihumbi icyenda (9000) mu Gihugu na serivisi batanga zikiyongera zirimo gupima umuvuduko w'amaraso n'izindi.

GF

Mu byifuzo Inama Rusange yagaragaje harimo kwita ku ireme ry'uburezi bw'abaganga no kubaha ibyangombwa bikenerwa kugira ngo barangize neza inshingano zabo.

Inama Rusange yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro bakurikira: **Hon. MUKAMA Abbas**, uturuka mu Mutwe wa Politiki PDI, ku mwanya w'Umuvugizi; na **Depite UWINEZA Beline**, uturuka mu Muryango FPR Inkotanyi, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije.

Bikorewe i Kigali, tariki ya 21/03/2024.

IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO N.F.P.O B.P.: 7459 KIGALI

**GISAGARA Théoneste**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**